KWIBUKA KU NSHURO YA 19 JENOSIDE YAKOREWE ABATUSTI

IKIGANIRO KU RUHARE RW'UMUCO NYARWANDA MU KWIBUKA NO GUFASHA IGIHUGU KWIGIRA

Intangiriro:

Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahitanye abasaga miliyoni nta gushidikanya ko ari ingaruka zo guta indangagaciro z'umuco nyarwanda no guca kirazira. Abakurambere bagira bati: "Ibitagira umuco biracika". Abanyarwanda bo muri iki gihe twagombye kuba tubisobanukirwa kurusha ab'ahandi kubera Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ubundi umuryango wari igicumbi cy'umuco, ukigishirizwamo indangagaciro na kirazira byahaga umwana w'umunyarwanda gukurana ingeso zituma abana n'abandi neza, akiyubaha, akubaha abandi, akanga umugayo, akagira ishyaka n'ishema kandi agakunda igihugu cye n'abo bagisangiye.

Umunyarwanda iyo yabaga agiye gukora ibidakwiye yaba umwana cyangwa se umuntu mukuru, mugenzi we yaramucyahaga ati: "sigaho ibyo birazira". Uwabaga abwiwe atyo, yumvaga abirenzeho yagawa. Kandi koko! Kirazira yari ipfundobanga nshoberamahanga rikubiyemo ibyo umunyarwanda adakwiye gukora. Uwarengaga kirazira yataga agaciro mu muryango nyarwanda.

Iyo kirazira yaje gucibwa n'ubukoloni n'amadini aho bigereye mu Rwanda, ndetse no mu gihe cya Jenoside, hari bamwe batatinyaga kuvuga ko kiliziya yakuye kirazira mu gihe bicaga inzirakarengane, mbese ko nta kitemewe n'ubwo cyaba kigayitse. Gucika kwa kirazira byatumye ibyubahwaga byubahukwa, ibyatinywaga bitinyukwa maze umugayo urimikwa. Magingo aya rero Abanyarwanda biyemeje

gusubira ku isoko y'umuco kuhavoma indangagaciro na kirazira, by'umwihariko zigatozwa abakiri bato. Koko rero ngo imburagihana yariye inyoni itaribwa kandi ngo utagira umubwira aryana ingonera.

URUHARE RW'UMUCO NYARWANDA MBERE Y'UMWADUKO W'ABAZUNGU

Umuco nyarwanda wagaragazaga uko umunyarwanda nyawe agomba kubaho, uko abana n'abandi mu muryango nyarwanda, uruhare rwe mu guteza imbere umuryango we ku giti cye ari nabyo biteza imbere umuryango nyarwanda muri rusange. Ishami ry'umuryango w'Abibumbye rishinzwe Uburezi, Ubuhanga n'Umuco (UNESCO) ndetse n'abahanga mu by'umuco muri rusange, bemeza neza ko umuco ariwo shingiro ry'ubumuntu. Kuba ari ishingiro ry'ubumuntu ni inkingi fatizo y'amajyambere arambye. Umuco rero ni ikintu cy'urusobe gikubiyemo byinshi, ubumenyi, iyobokamana, ubugeni, ubupfura, amategeko, imigenzo n'ibindi byose umuntu yigira mu muryango akahabana n'abandi. Abanyarwanda rero bari bahuje byinshi birimo umuco ni ukuvuga imico, imihango, imigenzo, imiziririzo, ubugeni, ubukorikori, ubuvanganzo, imbyino, ubuvuzi bw'abantu n'ubw'amatungo, bagahuzwa n'ururimi rw'ikinyarwanda. Aha binagaragara ko ibihugu bya Afurika bifite ayo mahirwe ari bike cyane.

Abanyarwanda bari bahuriye ku kwemera Imana imwe, kubaha abakurambere. Abanyarwanda kandi baranzwe no kumva ko bafite igihugu kimwe kandi ko bagomba kugikunda ku buryo bugaragara. Abahanga bakemeza ko urwo rukundo bakundaga u Rwanda (patriotisme/patriotism rwashingiraga ku kuba bahuje ururimi. Kuba batuye hamwe, hatari akarere k'abahutu, ak'Abatutsi cyangwa abatwa. Habagaho ukugobokana gushingiye ku guturana bityo bagaha agaciro ubunyarwanda bwari bubahuje.

Aha Abanyarwanda bari bafite mu muco nyarwanda indangagaciro na kirazira byahererekanywaga uko ibihe byagendaga bisimburana. Izo ndangagaciro na kirazira nibyo bimenyetso hame biranga abantu, ni ibimenyetso ngiro, ni imyumvire (ihebuje) igaragaza cyangwa se iranga abantu batuye Igihugu iki n'iki, bityo ukaba wagira uti uyu ni uyu, aba ni aba kuko kenshi arizo abantu batuye igihugu iki n'iki, cyangwa akarere aka n'aka, ni ibikorwa ndangamuco abanyagihugu bemera, bogeza kandi bifuza ko byahora bibaranga bikanabitirirwa uko ibihe bigenda biha ibindi. Muri izi ndangagaciro, hari izimakaza imibereho n'imibanire y'Abanyarwanda, izimakaza imiyoborere myiza no gukunda Igihugu n'izimakaza umurimo n'iterambere mu bukungu.

Abanyarwanda rero mbere y'umwaduko w'abazungu, baranzwe n'ubupfura wagereranya n'umwambaro w'umutima ugaragarira mu myifatire n'imigirire by'intangarugero. Ni ipfundo ry'umutima rikomatanyije ibintu byiza byose. Barangwaga n'ubwangamugayo bivuze ko bangaga kugaragarwaho n'ikintu kigayitse, kibasuzuguza, barangwaga no kudahemuka bivuze kutanyuranya n'icyo ugomba cyangwa ukwiye gukorera undi.

Ubuhemu byo ni ugukora ibinyuranye n'umuco mwiza nko kwandarika undi, kumuta mu kangaratete; kuburira akamaro uwo ukwiriye kukagirira kandi ubishoboye cyane cyane uri mu byago. Abanyarwanda kandi barangwaga n'ishyaka no kwanga kurushwa. Kuvugisha ukuri kabone n'iyo wakuzira, bagiranga ubwitange buhebuje no kwihesha agaciro.

Mu by'ukuri, abazungu basanze u Rwanda ari Igihugu gikomeye, gituwe n'abantu babanye neza kandi bafite ishema ryo kwitwa Abanyarwanda, bafite indangagaciro bemera nk'umuyoboro w'imyitwarire, imibanire, imikorere n'imikoranire biboneye.

URUHARE RW'UMUCO NYARWANDA MU KWIBUKA

Ibikorwa bijyanye no kwibuka bishingira cyane ku murage w'abasokuru dukomora mu muco nyarwanda. N'ubwo u Rwanda rwahuye n'ishyano ritagira inyito rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hari byinshi bikorwa mu rwego rwo kwibuka no gusubiza agaciro abishwe bambuwe mu gihe cya Jenoside. Aha harimo kubashyingura mu cyubahiro; mu muco nyarwanda uwawe uramuririra, ukamuherekeza, ukamushyingura mu cyubahiro gikwiye ikiremwa Muntu. Muri iki gihe cy'icyunamo hakorwa ibikorwa bigamije gufasha abacitse ku icumu batishoboye nk'uko mu muco bisanzwe bigenda iyo umuvandimwe yagize ibyago uramutabara ukamufata mu mugongo; haba ibikorwa kandi bijyanye no gusura no kwita ku hashyinguye inzirakarengane zazize Jenoside.

Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi bijyana kandi no gutanga ubutabera; aha, mu Rwanda hatoranyijwe gushyira imbere ubutabera bwunga aribwo inkiko Gacaca (bwunganira ubusanzwe) kugirango abahohotewe kariya kageni bahabwe ubutabera ariko na none Abanyarwanda nyuma ya Jenoside bongere bunge ubumwe. Aha ni n'uburyo bwo kurimburana n'imizi ingengabitekerezo ya Jenoside kuko tukiyisanga mu mitekerereze n'imigirire ya bamwe mu banyarwanda n'abanyamahanga. Aba nabo barimo ingeri nyinshi, harimo abayiteguye b'abanyapolitiki bakigerageza kwemeza Abanyarwanda n'abanyamahanga ko atari Jenoside ahubwo bwari ubwicanyi busanzwe bwatewe n'uburakari abaturage bagize nyuma y'urupfu rwa Habyarimana, ku rundi ruhande hari abayikoze bashaka guhunga ubutabera hakaba n'abemera ko yabaye ariko bakavuga ko yakozwe ku mpande zombi (double genocide). Ubu butabera bwunga, abo bose burabagamburuza kuko imanza za gacaca zaciwe n'abaturage ubwabo, ababigizemo uruhare bakemera icyaha bagahabwa n'imbabazi.

Iyo twibuka abazize Jenoside, tunazirikana ku ntwari zayihagaritse, zigahara ubuzima bwazo nabyo bikaba ari kimwe mu byarangaga Abanyarwanda, kugira ubutwari bwo gutabarira igihugu no kukitangira. Byaba ngombwa ukakimenera amaraso.

Muri iki gihe rero cyo kwibuka za ndangagaciro twagarutseho, zidufasha kurwanya ubuhakanyi bwa Jenoside iyo buva bukagera, buri wese kugira uruhare muri gahunda yo kwibuka, kubicengeza mu miryango, mu mashyirahamwe tubarizwamo, aho dukorera, aho dusengera n'ahandi...

URUHARE RW'UMUCO NYARWANDA MU GUFASHA IGIHUGU KWIGIRA

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Leta y'u Rwanda yasanze ikwiye kwifashisha umuco nyarwanda mu kubaka Igihugu kirangwa n'ituze n'iterambere birambye. Iyo ntego igomba kugerwaho kuko Abanyarwanda twumva ko dufite imbaraga n'ubushobozi byadufasha gukemura ibibazo byose duhura nabyo.

Aha twagaruka ku ijambo Umukuru w'Igihugu Nyakubahwa Paul KAGAME yavuze atangiza ku mugaragaro Itorero ry'Igihugu ku wa 16 Ugushyingo 2007, aho yagize ati: "dusesenguye, twasanga hari ibintu bya ngombwa bitatu tugomba kuzirikana kugirango dukemure ibibazo burundu. Kandi ndahamya ko iyi gahunda y'Itorero izabidufashamo. Icya mbere ni ukumva ko gukemura ibibazo duhura nabyo ari inshingano yacu nk'abayobozi mbere na mbere, ariko n'Abanyarwanda muri rusange. Icya kabiri ni ukumva ko dufite ubushobozi bwo gukemura ibyo bibazo (…), icya gatatu ni uko tugomba guhaguruka tugakora, tuzi ko twikorera. Tugashyiraho n'uburyo bwo gusuzuma intambwe dutera, aho inzitizi ziri zikamenyekana hakiri kare".

Kwigira k'u Rwanda cyangwa kw'Abanyarwanda bigomba gushingira ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda zimakaza imibereho n'imibanire y'Abanyarwanda, zereka umunyarwanda wese inzira yo gufatanya n'abandi kubaka ubumwe, kubana mu mahoro no mu bworoherane bityo bakiyubakira igihugu. Izo ndangagaciro zibutsa ko u Rwanda ari ingobyi ihetse Abanyarwanda bose bityo bikaba ntawe ugomba guhemukira undi. Zigomba kumvikana rero nk'imirongo migari umuryango nyarwanda ugomba kubakiraho, zikubiyemo urusobe cyangwa uruhererekane rw'imitekerereze, imyitwarire n'imigirire y'umuntu imugaragaza uko ari, ikamuhesha agaciro we ubwe n'umuryango we, waba muto cyangwa mugari. Indangagaciro icyamura buri wese imuganisha mu gukora neza no kwirinda ikibi. Ireba buri wese yaba umwana, umwangavu, ingimbi, umusaza cyangwa umukecuru kandi buri wese ikamuha umwanya akwiye mu muryango w'Abanyarwanda.

Na none izo ndangagaciro zibwira buri wese cyane cyane abacunga ibya rusange, kwita no gukemura ibibazo bya buri wese nta mananiza kandi n'umutungo rusange ugacungwa neza, kutarangarana umuntu mucyo umugomba hihutishwa akazi, kwakira neza abakugana, gukorera kuri gahunda, kuzuza inshingano, gukorera mu mucyo, kurwanya akarengane, kugira ubushishozi, kurwanya ruswa no guha abaturage uruhare mu bibakorerwa ibyo bikajyana no kugira ubwitange, kwirinda amacakubiri, gucunga neza ibya rubanza, kubungabunga umutekano, kugira ishyaka n'ubutwari. Zigaragaza kandi ko umunyarwanda wese agomba kubana neza n'abandi mu bwubahane, imibanire ye, imyitwarire ye, imigirire ye bikamuhesha agaciro muri bagenzi be. muri izo ndangagaciro harimo ubumwe, ubupfura no kwihesha agaciro. Mu ndangagaciro zibishamikiyeho harimo, ururimi rwacu, ubufatanye, ubusabane, urukundo, kunyurwa, gutabarana, kubaha, kwiyoroshya, kujya inama, kubaha amasezerano, kuvugisha ukuri, gushima no

gushimira, ubudahemuka, kwihangana, ubworoherane, ubushishozi, kuba intabera, kwanga umugayo. Izo ndangagaciro zitwibutsa nk'Abanyarwanda ko umurimo ari inkingi y'iterambere mu by'ubukungu, tugomba kuwukunda, tukawuteza imbere bityo tukongera umusaruro; zidukangurira kumenya ko ejo hazaza hacu hazaba heza ari uko tuzirikanye ko umurimo ariwo soko y'iterambere. Ni ngombwa rero ko duhora twishakamo ibisubizo, twiyubakamo ubushobozi maze ibyo dufite bikatubera intango yo guhanga ibishya no gutera imbere.

Mu ndangagaciro zijyanye no gukunda umurimo n'iterambere harimo gukorera ku ntego, gukora umurimo unoze kandi ufite ireme, gukorera hamwe, gushishikara, gukorera ku gihe, guhanga no kuvugurura imikorere, kurangiza ibyo watangiye no kwishimira ibyo wagezeho. Ibyo bikajyana no guteganyiriza ejo hazaza bivuze guhunika no kuzigama no kugendera ku bushobozi bwacu bwite.

Uruhare rw'indangagaciro z'umuco nyarwanda mu iterambere rirambye ntizasize inyuma kandi ihame ry'uburinganire ahubwo nabwo ni rumwe mu mbariro zihuza zihuza inkingi z'indangagaciro z'umunyarwanda kuko zemera ko hagomba kuzirikanwa ko abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa bagira bose uburenganzira bungana n'amahirwe angana kandi buri gihe bakamenya ko bakenera ibintu bitandukanye bitewe n'imiterere yabo.

Aha kandi tunazirikana no ku ndangagaciro zikomoka mu mico yo mu mahanga. Uko ibihe byagiye bisimburana, umuco w'u Rwanda wagiye ukura kandi wiyubaka, uhura n'indi mico y'ahandi bituma hari indangagaciro twunguka zinjira muzo twari dusanzwe twubahiriza. Iz'ingenzi muri zo ni ugukoresha ikoranabuhanga, imyambarire, imyemerere, amafaranga n'indimi z'amahanga.

UMWANZURO

Bigaragara ko izi ndangagaciro z'umuco nyarwanda arizo soko yavomweho intego za Repubulika y'u Rwanda arizo "**Ubumwe, Umurimo no gukunda Igihugu**" zikwiye rero gushyirwa mu mfashanyigisho no mu nteganyanyigisho, kuzitoza amanyarwanda binyuze mu matorero, mu bitangazamakuru, mu nyigisho z'abanyamadini, mu nama zitandukanye nk'izihuza abantu mu midugudu batuyemo, ababyeyi mu ngo iwabo, ihuriro ry'urungano, abikorera, imiryango itegamiye kuri Leta, kubyandika ku byapa n'ahandi hose hahurira abantu benshi. Hari ibikorwa byinshi byo gushimwa dore ko bimwe muri ibi bimaze gukorwa ku kigereranyo gishimishije kandi inzego zitandukanye zumva uburemere bwabyo. Aha twashima cyane igikorwa cy'intore z'abanyeshuri ziri ku rugererero kuko umusanzu ziri gutanga mu kubaka Igihugu ari ntagereranywa ndetse zinarushaho gucengerwa n'ibyiza biri mu muco nyarwanda. Umuco wo gushima no kugororera indingozi ugomba gushing imizi mu nzego zose bikajyana no kugaya ibigwari. Hagomba gushimangirwa kandi ibyavuye cyangwa se ibikomeje kugerwaho bishingiye kuri gahunda twavomye mu muco nyarwanda harimo gahunda y'Ubudehe, gahunda ya Girinka munyarwanda, Gacaca, Umuganda, Imihigo, Abunzi, Ubusabane n'izndi zikubiye ku ndangagaciro z'ubumwe, ubufatanye, gukunda igihugu, kugaba, kuremera, kwitura, gutabarana n'ibindi….

Aha rero tuboneyeho umwanya wo kugaragaza bimwe mubyo Abanyarwanda dukwiye kwirinda ndetse no kwamagana harimo kwironda, amacakubiri n'ivangura, gutsimbarara ku kibi, gukorera mu dutsiko, kubogama, guhemuka, kwiyndarika, kubeshya, kwikuza, kwirata, kugira umururumba, kutagira gahunda, kuyoboza abandi igitugu, kutubahiriza amategeko, kutavugisha ukuri, kurya ruswa cyangwa kuyitanga, kugambanira igihugu, kunyereza no gusesagura umutungo wacyo, kutagira ishyaka muri gahunda z'igihugu, kutagisha inama, kutagira ishema

ry’ubunyarwanda, kutitanga mu bikorwa, gukererwa, kugaya no gusuzugura imirimo, gukora umurimo utanoze…

N’ubwo mu iterambere tugamije, tekinoloji tuyishyira imbere y’ibindi byose ariko burya umuco niwo ugenga ubumuntu.